**ITEKA RIKURAHO KWIBUKA NO GUKORA ICYUNAMO CYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI, RIGASHYIRAHO INKUGE Y'UBUHUNGIRO.**

Jyewe Marie Esther Murebwayire, Umuja w'Umwami wanjye Yesu Kristo,

1. NSHINGIYE ku bubasha mpabwa n'Ijambo ry'Imana, cyane cyane mu byanditswe bikurikira:

*a.* ***Umubwiriza 9:5-6*** *Abazima bazi ko bazapfa, ariko abapfuye bo nta cyo bakizi kandi nta ngororano bakizeye, kuko batacyibukwa. Urukundo rwabo n'urwangano rwabo n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsi y'ijuru byose, kugeza ibihe byose* (Bibiliya Yera)

*b.* ***Umubwiriza 12:7*** *: maze umukungugu usubire mu gitaka wavuyemo n'umwuka w'ubugingo usubire ku Mana yawutanze (Bibiliya ntagatifu).*

*c.* ***Matayo 22 :32b*** *: Imana si Imana y'abapfuye, ahubwo ni Imana y'abazima*

*d.* ***Itangiriro3: 19b*** *: … koko rero uri umukungugu kandi uzasubira mu mukungugu*

*e.* **Luka 17:26-29** *Kandi uko byari mu minsi ya Nowa niko bizaba mu minsi y'Umwana w'umuntu : bararyaga, baranywaga, bararongoraga, barashyingiraga bageza umunsi Nowa yinjiye mu nkuge, umwuzure uraza urabarimbura bose. No mu minsi ya Loti byari bimeze bityo, bararyaga, baranywaga, baraguraga,barabibaga, barubakaga maze umusi Loti yavuye isodomu umuriro n'amazuku biva mw'ijuru biragwa birabarimbura bose. Ninako bizamera umusi umwana w'umuntu azabonekera*

2. NSHINGIYE kandi kw'ihishurirwa nahawe ku mateka y'u Rwanda, cyane cyane ku bijyanye na jenoside n'umuti wakiza burundu Abanyarwanda bakava mu bibazo by'amoko no guhora bamenana amaraso
3. NSHINGIYE nanone ku butumwa mbwirwaruhame bunyuranye natanze kuva mu mwaka w'1998 kugeza ubu, no ku mabaruwa menshi nanditse, ari ayo nagejeje kw'idini rya ADEPR, ari n'amabaruwa afunguye nandikiye Prezida wa Repubulika y'u Rwanda mu mwaka w'2003 no mu w'2013,
4. NGEJEJE ku Banyarwanda iri teka, ribanjirijwe n'isengesho rikurikira :

**ISENGESHO**

5. Ndi imbere yawe Data wera mw'izina rya Yesu Kristo, Umwami n'Umukiza wacu, ndi imbere yawe ngusaba gukomera kandi nkomeze nsohoze ibyo ushaka. Nje imbere yawe mu bihe bikomeye bitugereyeho, Mwami Mana byinshi bigiye kwirengagizwa, ibyari bimenyerewe byarangije igihe. Mwuka Wera mufasha wanjye mfasha unyobore mubyo Data ashaka, nkoresha iby'ubutwari nkuko ijambo ryawe rivuga ko "*abazi Imana yabo bazakomera bagakora iby'ubutwari*" **(Daniyeli 11 : 32).**
6. Reka nkoreshe ubutware n'ububasha mpabwa n'Ijambo, Ijambo wampaye ari naryo ryaremye kandi rikirema na n'ubu, niryo rikuraho rigashyiraho, ryita ibitariho nkaho biriho, n'ibiriho rikabihindura ibitariho. None Data Uhoraho umpe gushira amanga no guhangara ngo ngamburuze "*Umwanzi uhora azerera, akaba akomeje kwiba, kwica no kurimbura abo waremye, abarimbuje kutizera Umwana wawe Yesu Kristo*" (***1 Petero 5:8; Yohana 10:10).***

7. Mwami Mana kuva watangiza uyu murimo byari ibibazo byiyongeranyaga umunsi ku munsi ariko muri byose wabanye nanjye none ngeze mu mahina, ndagukeneye kurusha igihe cyose nagukeneye. Icyatumye ubimpa nuko watekereje ugasanga ndi uwo kwizerwa ukangabira umurimo wawe (***1 Timoteyo 1:12****)*. Data ukiranuka nawe wivugiye ko ubizi ko uyu murimo ukomeye cyane.

8. Aya mategeko ngiye kuvuguruza nkayakuraho burundu mw'izina rya Yesu Kristo, yashyizweho n'abategetsi b'ibihugu kandi niyo atiza umurindi imikorere y'umwanzi mu migambi ye yo kumaraho abenegihugu kuko batanzweho ibitambo. None uti: *Nshyizeho iherezo kandi ni wowe uri bubitegeke kandi unabitangaze mw'izina rya Yesu Kristo*. Uti: *tangaza ibijyaho n'ibivaho kuko narabigushinze*.

9. None ngiye kukumvira nta ngingimira, nemeye gusohoza ibyo ushaka nubwo bitanyoroheye. Reka mbikore kubw'ibyishimo byanshyizwe imbere, y'uko ugiye kugarurirwa icyubahiro cyawe mu Biyaga Bigali, Rwanda, Burundi na Kongo, kandi ko abazumvira uzababeshaho ubuzima batigeze babaho kuva isi yaremwa.

10. Muremyi wa byose, Inkuge utanze ni bwo butabazi bwa nyuma bw'iki cyiciro kuri buri wese wumva akavuga uru rurimi, umunyarwanda cyangwa umurundi. Ipfundo rigiye gupfundurwa, ibibyimba bimeneke maze batabarwe bakize ubugingo bwabo n'amagara yabo, bahungire mu Nkuge uduhaye ariyo AGAKIZA kabonerwa muri Yesu Kristo.

11. Reka buri wese uzabyumva bizamukoremo umurimo maze abo watoranije kurokora ntihazabure n'umwe. Iyi mitima yakomeretse, ihungabanye, yabaye akahebwe yuzuwemo n'imyuka itegekwa na Sekibi, ndakwinginze uyivanemo ubumara bw'amoko ya Hutu-Tutsi, ndagusabye ngo ubaranduremo iyi mizi yashoye cyane. None rero Nyiribihe igihe kirasohoye ngo werekane ko kuba warihanganye atari ubugwari ahubwo nuko uri Urukundo ukagira imbabazi n'impuhwe kandi ugatinda kurakara ***(2 Petero 3:9).*.** Watinze kurakara koko !

12. Hari ibyo benshi batakuziho ni uko uri n'umuriro ukongora. Iyi ni intambara hagati y'ingabo z'Ijuru n'iz'Umwijima, kandi ubutsinzi bwarangije kuboneka i Gologota, buri wese abwakire.

13. Imbaraga zakuye Yesu Kristo mu gituro nizo zigiye gukora muri iki gikorwa. Umwamikazi Esiteri ati :"*teranya Abayuda bose munsabire, nanjye n'abaja banjye turabigenza gutyo, iminsi itatu tutarya nyuma yayo nibwo nzasanga Umwami nirengagije itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi ritavuguruzwa niba ari ugupfa nzapfe* (***Esiteri 4 : 16***). Ibyavuyemo turabizi, amategeko ubundi yitwaga ko atavuguruzwa yavanyweho, hashyirwaho amashya yo kurengera ubwoko bw'Imana.

14. Ndagushimiye Data uko wari uri icyo gihe cya Esiteri na n'ubu niko uri kandi niko uzahoraho. Byose bikorewe mw'Izina rya Yesu Kristo bigashyirwa mu bikorwa na Mwuka Wera; Amen !

**IRIBURIRO**

15. Ndabaramukije mw'Izina ry'Umwami n'Umucunguzi wacu Yesu Kristo; ni umuvandimwe wanyu muri Kristo Yesu, Marie Esther Murebwayire. Ndavugana n'abakristo bizera kuko nibo bari bwibandweho muri iri teka bitabujije ko n'abandi bose babyumva bikabagirira akamaro. Bibaye ngombwa ko mbyandika kuko nahawe amagambo yo muri ***Habakuki 2:2-3*** *"Maze Uwiteka arambwira ati andika ibyerekanwe ubigaragaze ku mbaho kugirango ubisomye abyihutire, kuko ibyerekanwe bifite igihe byategekewe ntibizatinda kukigeraho kandi ntibizabeshya, naho byatinda ubitegereze kuko kuza bizaza, ntibizahera".*

16. Bavandimwe muri Kristo Yesu bene wacu duhuriye kuri uru rurimi, hashize imyaka hafi 24 Umwami Yesu Kristo ampaye akazi katoroshye ko kuba IJWI RY'IMBUZI ryo kuburira abanyarwanda, hari mu kwezi kwa 6 mu mwaka w'1999. Kuba ijwi ry'imbuzi ni ukuburira abantu ngo bihane babone kumvikana n'Uwabaremye, bihane ibyaha, ibicumuro no gukiranirwa. Impamvu yabyo kandi ni uko Abanyarwanda bariho umuhamagaro wihariye, muri make rero narumviye bigoranye ntangira kuburira abenegihugu mbabwira n'ingaruka mbi bizagira nibaramuka batihannye ngo bahindukire. Icyo gihe Umwuka w'Imana wacaga akarongo ku MOKO, yarimo aca ibintu, no mu bitiriwe Izina ry'Imana, na n'ubu bikaba bikiri uko, ndetse ahubwo bikaba byaragiye byongera ubukana.

17. Nabwiwe ko mpawe inshingano zo kuburira amoko Hutu Tutsi ngo bihane, biyunge n'Imana no hagati yabo ubwabo, kugira ngo bababarirwe, ariko ntacyo byatanze kigaragara. Ibyo ntibyanciye intege, ahubwo igikorwa cy'ubwiyunge cyahindutse umurimo wanjye wihariye. Igihe cyose nagiye mpabwa ubutumwa, nabutangaga uko bwababaga bumeze kose, bugenewe abakozi b'Imana, abanyepolitiki, abasilikare, imfungwa, impunzi, mu biterane rusange, mu madini (ayemeraga kunyakira), mu ngando z'abemeye ibyaha bya jenoside cyangwa abo babyemeje ku ngufu bakabisabira imbabazi, ingando z'abacengezi n'ahandi hose Uwiteka yamfunguriraga umuryango. Nahuriyemo n'ibibazo byinshi, ariko ndakomera kuko nari kumwe n'Uwankomezaga, ariwe Yesu Kristo (***Abafilipi 4:13).***

18. Kugeza aha, nabagezagaho uwo ndi we muri make, reka nkomeze nibanda ku butumwa nyamukuru.

19. Natumwe ku Banyarwanda, Abarundi n'Abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda. Abanyarwanda muri 1998, Abarundi muri 2008 n'Abanyecongo muri 2010. Kuko ibi bihugu bitatu Uhoraho abibona nk'igihugu kimwe, bihuje amateka n'umuhamagaro.

20. Byageze kw'itariki ya 25/02/2010, biba ngombwa ko nsohoka mu gihugu binkomereye, nasohowe n'imbaraga z'Imana kuko nta muntu wari gukora nk'ibyo yakoze. Muri 2011, ni bwo nageze aho ndi ubu mu buhungiro, mu gihugu cy'Ubuholandi. Nari nizeye ko nzavuga ubutumwa busanzwe, nibwira ko ibirebana n'ubutumwa bw'imbuzi ku bahutu n'abatutsi birangiye, ariko Uwantoranije ati "urakomeza ubaburire kuko ibibazo by'amoko no hanze biraca ibintu". Nguko uko natangiye kuvugira kuri radio ITAHUKA mu kwezi kwa gatandatu 2012.

21. Kuyivaho nabyo byateye ibibazo, ntitwatandukanye neza kuko ubutumwa natangiyeho mu kwa munani 2016 bwerekeye igihugu cy'u Burundi banze kubuhitisha, ntibanabunsubiza. Aho niho nafashe icyemezo cyo kujya ntanga ubutumwa bw'imbuzi ku muyoboro wanjye wa YouTube.

22. Mwakwibaza rero icyahindutse, kubera iki noneho ubu butumwa bibaye ngombwa ko bwandikwa? Ndabwira cyane abakristo, abatuye Ibiyaga bigali muri rusange, Abanyarwanda by'umwihariko.

    a. Iyo biza kuba ibishoboka, nari kuvugira ibi kuri stade Amahoro i Kigali nkuko byagenze kuwa 28/12/1999 aho imbaga yari yahuruye kubera gutinya kwinjira muri 2000. Mu by'ukuri, nakwifuje kongera kuhasubira nanone stade yuzuye kuko ariho byatangiriye ku mugaragaro.

    b. Nifuje kenshi ko buri munyarwanda yasobanukirwa n'ibyo Imana imushakaho, ntibyumvikanye nk'inkuru nziza ahubwo byabyaye intambara nyinshi, biteza n'impaka, nkuko n'Umwami wacu Yesu Kristo yahuye nazo, nawe yarwanijwe na bene wabo, agambanirwa n'abatambyi b'Abanyamadini. Ari umuryango wanjye, ari abiyitaga inshuti, ni bacye bagiye banyihanganira nabo babifitemo inyungu runaka.

    c. Nakwifuje ko nakwinjirana na buri munyarwanda mu bishya byiza Uhoraho yaduteguriye tugiye kwinjizwamo vuba.

    d. Nakwifuje ko mwankundira tukihana maze tukinjirana mu masezerano ari hafi gusohora, ariko nkuko byagiye bigenda mu mateka y'isi cyangwa ayo muri bibiliya, bacye nibo basobanukirwa ibintu by'Imana. Abo baba ari abana b'ubugingo. Narananijwe cyane kuko uko nari nteye byarangoye kwinjira mu muhamagaro, byantwaye benshi, bintwara byinshi. Nabujijwe gusabana n'abandi kandi narabikundaga, nabujijwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ibyo byose nanze kubyemera ku neza mbyemera ku nabi, nageze aho nangwa, mpigwa, mbeshyerwa kugirango ncike intege mbivemo, gutotezwa, gufungwa, guterwa ubwoba, kurogwa, byose byari ibica intege gusa, ubuhamya burambuye buri mu gitabo (UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA).

    e. Ndabingize mwite kubyo mugiye kumva ni kubw'inyungu zanyu n'abana banyu, nyamuneka nimuhumuke kandi mwumve ibyo Umwuka ababwira, ahari bwaba ari ubwa nyuma mwumva cyangwa musoma ibi.
    ***Ezekiyeri 33:1-4****: Ijambo ry'Uwiteka ryanjeho riti "mwana w'umuntu uvugane n'ubwoko bwawe, ubabwire uti ninteza igihugu inkota abantu bo mu gihugu bakishakamo umuntu ngo bamugire umurinzi nabona inkota ije iteye igihugu akavuza impanda ngo aburire abantu, maze uzumva ijwi ry'impanda wese ntiyite k'umbuzi, inkota yazamurimbura amaraso ye abe ari we azabazwa.*

**UBUTUMWA NYIRIZINA**

23. Ubu butumwa bugamije ibintu bibiri by'ingenzi :
    a. Kuvanaho amategeko n'imihango birebana no kwibuka abapfuye n'ibyunamo, cyane cyane icyunamo cya jenoside yakorewe abatutsi
    b. Gushyiraho inkuge y'ubuhungiro igenewe buri wese wakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umucunguzi, kugira ngo duhunge umujinya w'Imana ugiye kugaragazwa n'imfu za benshi mu Biyaga Bigari
24. Mw'ijoro ryo kuwa kabiri rishyira uwa gatatu [tariki ya 23] z'ukwa gatatu 2022 nibwo nashyizwe ku mutima gukora iki gikorwa, byanyibukije nanone mbwirwa bwa mbere bimwe mu byo naringiye kuzakoreshwa, hari ku itariki 13/03/1996. Umwami Yesu Kristo ati *"Je vais me servir de toi d'une facon particulière et unique",* mu Kinyarwanda ni *"nzagukoresha mu buryo bwihariye kandi budasanzwe"*. Kandi yagiye ankoresha mu buryo bwihariye, kimwe cyavaho hakaza ikindi, none haje n'ibi kandi ejo hazaza n'ibindi.
25. Ngiye rero kubagezaho ibyo nabwiwe kubaha, icyo musabwa ni ukubyumva mukabyumvira kuko birimo ubuzima n'ubugingo, ndizera ntashidikanya ko buri wese yikunda, n'uwanga abandi we arikunda, agakunda n'abe. Bitabaye ibyo, ubuhanuzi bwa Yesaya bwasohora kuri benshi *(Nimwemera mukumvira, muzarya ibyiza byo mu gihugu ariko nimwanga mukagoma inkota izabarya, ni akanwa k'Uwiteka kabivuze;* ***Yesaya 1:19-20****).*

**ICYAHA RUSANGE N'IBIBAZO BY'AMOKO**

26. Nyuma y'imyaka 28 habaye jenoside yakorewe abatutsi, mbere yuko iba hari haratangijwe intambara na FPR-Inkotanyi kuva 01/10/1990. Inkotanyi aho zatangiriye intambara za Byumba zishe abaturage batari bafite aho bahuriye nibyo bavugaga barwaniraga, abo bishwe biciwe mu cyaha rusange, kandi icyo cyaha kiri ku mutwe wa FPR.
27. Icyaha rusange ni ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bikorwa n'abafite ibyo bahuje bakabikorera abo badahuje, bagendeye kubyo bahuriyeho.
28. Nyuma ya jenoside leta yatangije igikorwa cyo kwibuka abayikorewe aribo abatutsi, impamvu ba bahutu FPR yishe batigeze bibukwa muzabisanga mu gitabo "UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA".
29. Ibyo kwibuka abatutsi, leta ya FPR yarabifashe ibyitaho ariko nta rukundo yari ifitiye abarokotse jenoside, ahubwo yabaraga inyungu ibifitemo. Imikorere yo kwibuka ni iya Satani kuko abarya uwo muvumo w'uwo muriro bagomba kwita cyane ku mubare w'abahungabana mwinshi, abajya i Ndera benshi, ibimuga byinshi, by'ibisenzegeri, bagatera agahinda, bakabashyira imbere bakavuga ibyo banyuzemo, hagati aho hakabamo n'abahutu babizamo bahungetwa, bazengera, bo nta burenganzira bwo gutaka cyangwa kwibuka kubera impamvu nyinshi nasobanuye mu gitabo.
30. Nkuko nakunze kubivuga ntabwo gutsemba abatutsi byatewe n'uko indege ya Habyarimana Juvenal yahanuwe, iyo biba ibyo abahutu bari gushakisha abayihanuye akaba aribo bihoreraho none siko byagenze (aho niho ipfundo riri). Kuki abasirikare ba leta mu gihe cy'interahamwe batihoreye ku barashe indege ko byari kumvikana ?

31. Umutego FPR yateze leta ya Habyarimana n'abahutu muri rusange bawuguyemo, maze ibyo FPR yifuje byose ibigeraho :

    a. Kugusha abahutu mu byaha by'indengakamere ku mugaragaro

    b. Gusigara aribo bacunguzi bafite na control ya buri kimwe cyose, nibyo nise amayeri y'ubucakura bw'ubugome, nyamara bibagiwe ikintu gikomeye, ko icyo ubiba ari cyo usarura *(***Abagalatiya 6:7***)*. Aho bibageze nibo bahazi.

    c. Ntibigeze bakunda cyangwa se ngo barengere abatutsi bari mu gihugu imbere, intego yabo nyamukuru yari imwe gusa : kwigaranzura abahutu kuko ba se babirukanye muri 1959. Ni inzika y'inzigo yari ishyize cyera, icyo gihe abahutu Ijuru ryari ryabaciyeho akarongo, binjiye mu ngaruka za 59, 63, 73. Icyo FPR itamenye ni uko gufata ubutegetsi byari ikigeragezo gikomeye kuri bo, none barangije kugitsindwa !

32. FPR yageze aho ivuga yigamba ko bishe abahutu bakaruha, bagatangazwa n'ukuntu batagabanuka.

33. Abahutu bishwe ntibari interahamwe bose, ntibari abicanyi bose ahubwo ni rusange y'ubwoko yabasakumye, kuko byose biba byarateguriwe mu mwuka, umwanzi azi neza umuhamagaro w'abanyarwanda hutu-tutsi, ubwami bw'umwijima bwishimiye iyo ntsinzi na n'ubu baracyayishimira kuko i kuzimu bakiriye ibitambo by'amaraso byinshi, kandi na n'ubu ntibirahagarara.

34. FPR yabyungukiyemo ariko ni za nyungu zibeshya, ziba ziherekejwe n'ibihombo. Dore zimwe muri zo :

a. Kurimbuza benshi kubera kutihana no kutababarira

b. Inkomere nyinshi zaboze imitima (babana n'ubumuga bw'ihungabana rikomeye)

*c.* Inzangano z'inzigo zabyaye uruhererekane hagati ya hutu-tutsi, zashinze imizi miremire niyo mpamvu buri gihe barwanira abapfuye n'amagufa kuri buri ruhande rushaka kwemerwa ko arirwo rufite abapfuye benshi bagomba kwibukwa ariko ntabwo bazi ko igihe cyageze ngo bihagarare. Ibyavuzwe haruguru byateje intimba n'agahinda bihoraho, za nzangano z'inzigo zavuzwe zishingiye ku kumena amaraso

    *i.* ***Kubara 35:33*** *Nuko ntimuzanduze igihugu muzabamo kuko amaraso yanduza igihugu, ntihabe impongano yagihongererwa kubw'amaraso yakiviriyemo, itari ayuwayavushije*).

    *ii.* ***Itangiriro 4:10*** : *Aramubaza ati: icyo wakoze icyo niki? ijwi ry'amaraso ya murumuna wawe rirantakira ku butaka*.

    *iii.* ***Itangiriro 9:6****: Uvushije amaraso y'umuntu amaraso ye azavushwa n'abantu kuko Imana yaremye umuntu mw'ishusho yayo.*

35. Uko umwaka utashye mu kwa kane kugeza mu kwa karindwi ku mpande zombi, abacitse kw'icumu barahahamuka, abahutu nabo bakamarwa n'ubwoba maze umusifuzi FPR akinjiza amafranga ajya ananyuzamo akiriza. Izi nzirakarengane zagiye kubimenya FPR yarashinze imizi, yarigotesheje inkuta nyinshi zikomeye, ariko zatangiye kuriduka, ku buryo umuntu atatinya kuvuka ko ingoma yabo iri mu marembera.

36. Nta bwiyunge bwari bwaba kugeza ubu, kuko buri ruhande ruhora rwirengera, izo mpande ni eshatu arizo:
    a. Abatutsi bavuye hanze
    b. Abatutsi bari mu gihugu
    c. Abahutu
37. Aba bose bagomba guhagarika izi nzika z'amoko zatewe no kumenana amaraso hagati yabo : abavuye hanze baje bica, abahutu bari mu gihugu nabo barishe kuva muri 59, naho abatutsi bari mu Rwanda nibo bahombye cyane, gusa ntibarebye kure ariko ntakundi bari kubigenza, bagambaniye abahutu babanye nabo kuva muri 1959, nibo batije umurindi bene wabo bari hanze, ari yo mpamvu bitwaga ibyitso. Mbega buri ruhande rufite dosiye yarushinja, haramutse habayeho urubanza ku mahano yabaye mu Rwanda.

**IBIBAZO UMUNTU YABAZA HUTU-TUTSI**

38. Abapfuye bamariye iki abazima? Igisubizo ni uko umumaro wabo ari uwo gutesha umutwe abazima, kubateza ibibazo by'uburyo bwose nk'uko imirimo ya Satani iri, ari yo : kubiba amahoro yo mu mutima, kubica umubiri (kuwangiza), kubarimburira ubugingo (***Yohana 3:16; Yohani 10:10, Jean 10:10****)*.
39. Abazima se bo bamariye iki abapfuye? Igisubizo ni uko ntacyo babamariye, uretse kimwe ko baba bashaka kubasangayo byihuse.
40. Kwibuka abawe bapfuye bikumariye iki? Bikongerera imyuka mibi ikwiyoberanyaho buri gihe, kugirango ikubuze uburyo, nta kintu ushobora kugeraho kuko uhora mu gahinda.
41. Kwibuka jenoside yakorewe abatutsi bimariye iki abacitse kw'icumu? Ni ukubahuhura kuko ingaruka zo guhora bibuka ababo ari ukubica bahagaze. Kwibuka ni yo mari ishyushye ya FPR, gahunda yabo ni uguhahamura abacitse kw'icumu kugirango badatekereza neza bahore mu gahinda ko kwibuka, maze bagahungeta n'abahutu nabo bagahinduka ibishushungwe.
42. Kwibuka abahutu bapfuye byo bimaze iki? Ni ukwisubiza agaciro k'ubumuntu bambuwe na jenoside bakoreye abatutsi, ni uguhuha ku gisebe cyatewe na jenoside. Basubirana akanyabugabo k'akanya gato iyo bashyize hamweariko mu by ukuri ni nko guhuha ku gisebe ukoroherwa akanya gato ntabwo kiba cyakize, cyakira ari uko bihannye.
43. Igikomere cyo mu mwuka ni iki? Ni ugukomereka umutima bitewe n'agahinda, imibabaro ari nabyo biteza ingaruka zigaragara inyuma, ari zo nise "ibyuririzi", naho ibyo bikomere by'imbere byitwa virus HTT (Hutu-Tutsi-Twa). Ibisobanuro birambuye muzabisanga mu gitabo "UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA".
44. Kuki iyo umuntu apfuye ahambwa? Igisubizo n'uko yavuye mu gitaka akaba ari cyo agomba gusubiramo kubera icyaha cya Adamu. Umwuka nawo usubira k'uwawumuhaye utegereje kuzacirwa urubanza.

45. Kuki mu Rwanda batashyinguye abazize jenoside ahubwo bagashyira amagufa yabo mu tubati ?

    a. Igisubizo n'uko leta ya FPR ari bwo buryo yahisemo kugirango bice abacikacumu bahagaze kandi bibere igikangisho abahutu cyo kubateza ikimwaro gihoraho. Muri make, ni ugushinyagurira impande zombi.
    b. Wowe ushyize mu bwenge wumva ari iyihe mpamvu uduhanga n'amagufa y'abatutsi twanamye mu bubati nta handi biri kw'isi ?
    c. Ni ukugirango amahanga akomeze atange amafranga yigura, kuko batatabaye muri jenoside. Mbega jenoside yabaye igikangisho ku mahanga.
    d. Guhahamura abatutsi bacitse kw'icumu kugirango bahore mu gahinda ka jenoside gusa (ni ukubica urubozo).
    e. Ni ukumwaza abahutu buri gihe bagahora babebera bibutswa ko aribo bakoze jenoside.
    f. Guhindura abavuye hanze aribo FPR inyange zera de, ko aribo bacunguzi ba bose, kandi ko bahagaritse jenoside.

46. Kuki buri bwoko burwanira kwemerwa ko ari bwo bwapfushije cyane? Igisubizo ni uko buri bwoko bufitiye ubundi inzika y'inzigo.
47. Kuki barwanira kwibuka, ni iki kihishe mu kwibuka? Igisubizo ni uko ari umugambi wa Satani yateguye kera wo kubamaraho bombi, ashingiye ku burenganzira bamuha bakoresheje kwibuka n'ibyunamo.
48. Umuntu iyo apfuye yitwa iki? Yitwa umurambo cyangwa intumbi, iyo amaze guhambwa **umwuka/roho** ye ikomeza kubaho yitwa **umuzimu**. Uwo ni uwashyinguwe, ngaho ibaze nawe utarashyinguwe ingaruka afite ku bazima? Ndabibutsa ko nta muzimu mwiza ubaho, bose bitwa imyuka mibi.Ariko abakristo imyuka yabo ntizerera kuko ihitira paradizo aho iruhukira itegereje abandi bakiranutsi
49. Nyuma y'imyaka 28 jenoside ibaye byunguye iki, byunguye nde, hakozwe iki mu gukiza ibikomere?

    a. Byunguye FPR cyane, ariko ni za nyungu z'umuriro
    b. Ntabwo gahunda byari ukugirira neza abarokotse jenoside nkuko bigaragarira buri wese
    c. Ibikomere byariyongereye cyane, kuko nta cyakozwe ngo bikire.

50. Kuki amadini ya gikristo yigize ntibindeba? Igisubizo nuko ari abafatanyabyaha ba FPR.
51. Kuki Leta yiyita iy'ubumwe yashyizeho ibihano kuri uwo wese uzanyuranya n'amahame yayo ku birebana na jenoside? Iba irengera inyungu zayo.
52. Kuki batinya ko jenoside yakorewe abahutu yakwemerwa ? Igisubizo nuko ibyaha bya bombi byaba biringaniye; ni ikibazo, kuko icyo gihe habura uwihana.
53. Kuki abahutu se bo bemeje jenoside yabakorewe? Bahushye ku gisebe cyari cyarabaye umufunzo, ariko ni hahandi habo (aba bombi nibatihana, Uwiteka araje ababumbire bose hamwe mu bugome; *Abaroma 11:32*).

54. FPR inyungu ifite mu mushinga wo kudashyingura amagufa ni ukugirango bakomeze bayacuruze, binjize amafranga avuye mu maraso ya benewabo. Izi nyungu zifite uburemere bw'umwaku n'umuvumo wo kurya umuriro kandi byatangiye kubagaruka.

55. Ni inyungu iri mu maraso bamennye mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, nguwo umurage bazaraga ababo nibatihanira abacitse kw'icumu rya jenoside yakorewe abatutsi n'abahutu. Ariko njyewe n'inzu yanjye tuzakorera Uwiteka (**Yosuwa 24 :15**), tuzomatana n'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo Umwami wacu.

56. Kugirango bagere ku butegetsi batanze ibitambo bya benewabo; ibisobanuro biri mu gitabo "UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA". Bamaze no kubugeraho bacuruza amagufa yabo, na n'ubu aracyabatunze. Ni imwe mu mitungo myinshi bafite, na n'ubu baracyungukira muri ayo magufa.

57. Ariko ibyo byose ntacyo bibamariye, ahubwo byarabaturubuye binjinzwa mu rundi rwego rw'ubugome rwo kwica abasigaye, bagiye gusiga inkuru mbi imusozi. Abacitse kw'icumu nabo ntakirengera kuko FPR n aba HUTU ni abanzi babo kandi birumvikana. Bamwe barabatanze aribo FPR, abandi barabatamba aribo abahutu. Niyo mpamvu FPR yahisemo kugenda ibica, uvuze wese agahita yicwa, ufunzwe aba agiriwe neza,abandi benshi barayihunga. Imana ishimwe ko igiye kubishyiraho iherezo.

**NI IZIHE NGARUKA ZO GUFATANYA N'UMUZIMU KANDI WOWE URI MUZIMA ? *(1SAM 28:3-25, ITANGIRIRO 37:33-35)***

58. Sawuli amaze guta umutwe Uwiteka atakimuvugisha, yigiriye inama yo kujya gushikisha Samweli ajya ku mupfumukazi; uru nirwo rwego rwa nyuma rwambura umuntu ubumuntu, kuba uri muzima ugashakira ubuzima ku bazimu. Yari yarangije imirimo ye mw'isi yagombaga kuba umuzimu agasanga nawe abapfuye kuko Imana ni Umwuka na Satani ni umwuka, ikiremwa muntu nacyo ni umwuka wambaye umubiri, gituye hano kw'isi kigomba kumvira/kwiyambaza/kubaza/gushaka/kuramya/gusenga/guturwamo n umwe muri iyi myuka yombi.

59. Umwuka mwiza ni umwe : ni **Umwuka Wera,** ariwe **Mwuka wa Kristo Yesu,** ariko Satani we agira imyuka myinshi akoresha ariyo yitwa abadayimoni, ngiyo iyiyambika, ikihindura imyuka y'abapfuye ba nyirabo bakagirango ni ababo koko babagendereye cyangwa bakoze ibi n'ibi. Birababaje kubona abazima bizera imbaraga z'abapfuye.

60. Yakobo nawe yarihebye bamubwiye ko umuhungu we Yozefu yapfuye, avuga amagambo amwambura kubaho ati: *Nzarinda musangayo ntarahora, nzahora ndira, mbabaye, mwibuka*.

61. Abibuka abapfuye, baba babizi cyangwa batabizi, baba barimo kubaterekera. Idini rya gatulika ryo ni kabuhariwe mu gushyira imbere abapfuye ndetse ribita abatagatifu bakabiyambaza ngo babasabire. Nibo bazi ibyo bakoresha amagufa y'abo bapfuye.

62. Nta mupfu/umuzimu utanga ubuzima, kuko ntabwo aba afite; muri make gutabaza abapfuye ni ukubura ubwenge. Iyo Yesu atazuka ntacyo byari kuba bimaze, nawe yari kuba nk'abandi bose, nka ba Muhamedi, Buda na Krishina. Ariko Yesu Kristo

yarazutse, niyo mpamvu we abarirwa mu bazima, akaba ari yo mpamvu we tumusenga, tukamuramya.

63. Satani ni we mutware w'abazimu bose, ni we ukoresha iyo myuka yose ngo akomeze ababaze abazima. Afitiye inzika umuntu kuko yashakaga na we kwambara umubiri arawubura, uhabwa Yesu Kristo (mu gitabo cy'***Abaheburayo 10:5*** haranditse ngo (*ibitambo n'amaturo ntiwabishatse ahubwo wanyiteguriye umubiri*). Niyo mpamvu umwanzi ahora ababariza umuntu mu mubiri no mu marangamutima akoresheje abadayimoni bafata imyuka y'abapfuye bakinjira mu bantu bazima.

64. Umwuka w'Uhoraho uba mu bantu bazima, ukorana n'abantu bazima, iyo bavuga ko abapfuye bagaruka, ko bavugana/babonekera cyangwa bakorana n'abazima, byose ni ibikorwa by'umwanzi. Roho mbi zirazerera zishaka imibiri yo guturamo, kugirango zigirire nabi abantu bazima, zibifitiye uburenganzira.

65. Nagiye nsenga kenshi nsaba Uwiteka ngo ibintu byo kwibuka abapfuye no kudashyingura imibiri bizahagarare burundu, bigizwemo uruhare n'impande zombi zihora zihanganye, kuko nabwirwaga ko intambara zitashira, ko inzangano zitarangira, ko hari ingaruka ziteye ubwoba, ko zigomba gufata n'abana ari rwo rubyiruko, kandi ko byose ari umurage mubi basigarana, abadakenyutse bakambarwa n'iyo myuka ikabahungeta. Uzasanga n'abana bavutse nyuma ya jenoside cyangwa se bari bato cyane icyo gihe, ari bo bahahamuka cyane mu bihe byo kwibuka mu cyunamo; byagiye bigaragara kenshi mu mashuri, na n'ubu.

66. Muzakurikirane za disikuru, amagambo bariya bategetsi babwira urubyiruko, buri gihe nta buzima babifuriza, ahubwo babakangurira ngo guhora bari maso, gukunda igihugu,  kukitangira,aribyo kukimenera amaraso, bakongeraho ko ngo bagomba no kurinda ibyo iterambere ryagezeho!

67. **GUPFA**: Ngibyo ibyo bahoza mu kanwa kabo, bapakira mu bwonko bw'abana URUPFU. Nta kindi bafite gutanga, kuko umuntu wese atanga icyo afite. Nta kindi bafite basigira urubyaro rwabo uretse Urupfu, nk'uko ari rwo binjiranye mu gihugu tariki ya 01-10-90. Bapfuye bahagaze kubera amaraso menshi bamennye, ariko abana babo ntabyo bazi, bo birabasama gusa.
***Amaganya ya Yeremiya 5:7***
*Ba data bakoze ibyaha kandi ntibakiriho,Natwe twikoreye ibicumuro byabo.*
***Yesaya 14:21***
*Nimutegure aho kwicira abana bazira gukiranirwa kwa ba se, kugira ngo badahaguruka bagahindūra isi bakayikwizamo imidugudu.".*

68. Numvise hari n'abayobozi b'amadini bakangurira urwo rubyiruko ngo rwitegure urugamba rwo kurinda ibyo abo babyeyi babo bagezeho.  Koko waba uri umubyeyi muzima ugakangurira abana bawe gupfa? Waraga uwawe intambara koko, inzangano, ukabaraga ibikomere by'amoko, mbese twabivukiyemo, tubikuriramo, none tuzabisigire abadukomokaho? Ntibikabeho!

69. Benshi barahagurutse ngo barwanye akarengane ariko ntushobora kurwana cyangwa ngo urwanye ibyo utazi, benshi muri abo nabo baba barwaye kandi nta murwayi uvura undi.

70. Kuva 1998 nsenga, nshakashaka, nsoma, niyibutsa, mbaza, ntekereza kuri ibi bintu by'abahutu n'abatutsi, ariko niba hari isomo ribi ribaho, iri niryo rya mbere.

71. Negereye inzego zose, abahutu bari mu Rwanda (nanjye niho nari ndi), abatutsi bavuye hanze, abatutsi bacitse kw'icumu rya jenoside, abihaye Imana cyane abitwa inzaduka batangiye nyuma ya 94, amadini yahoze mu Rwanda ari naho hakunze kuba aya moko yombi ahora ashaka kwicana ndetse byaranabaye hamwe na hamwe.

72. Nashakiye no mu bahutu bahungutse bava Congo, ndetse nabisangiyeyo nganira nabo, hagira abataha n'abasigarayo, naganiriye byimbitse n'abiyemereye ko bakoze jenoside bari bafungiye muri za gereza zo mu gihugu, naganiriye n'abo babyemeje ngo babone uko babafungura, nganira n'inzego zo hejuru cyane n'izo hasi cyane, ndacukumbura maze menya byinshi kandi byose bibi cyane.

73. Naganiriye n'abitwa ko bize cyane cyangwa bari bakomeye muri za Repubulika zacyuye igihe, ari nabo ingaruka zakubise cyane, kuko abo hasi bo n'ubundi bahorana ibimwaro byo kutiga n'ubukene bwa byose, ariko iyo wize ikimwaro kigufata vuba kikagufatira mu rwego rwo hejuru kuko uba ufite byinshi utakaje.

74. Nakomeje iperereza no gushakashaka menya byinshi bya jenoside, menya ibya mbere ya 59, na nyuma yaho, menya ibyo muri 63, 73, 90-94, n'ibyo mu ntambara FPR yakurikiranyemo abahutu muri Congo mu myaka ya 96-97. Byose nagombaga kubimenya. Nshakashaka impamvu zabiteye igihe cy'abami b'u Rwanda, icya Repubulika. ya mbere, iya kabiri, iya gatatu. Aya moko ariho ikintu gikomeye, niyo mpamvu yaciye ibintu.

75. Ibi byose nakoze muri iyi myaka 24 ni ubushakashatsi ntakwifuriza uwariwe wese gukora, wa mugani wa Romeo Dallaire mu gitabo yanditse agira ati : "*nakoze mu kiganza cya shitani*";[1] nanjye nahuye n'inyamaswa-bantu, buriya mubona abantu bagenda ariko abenshi ni uruhu rworoshe abadayimoni, ubona abantu bavuga ariko muby'ukuri baba bafite ibibavugisha bibavugiramo.

76. Hamwe no gusenga no gushakashaka, gucukumbura amateka no gukunda kumenya, ibi byose Umwuka wa Kristo wabigizemo uruhare, none byarangiye, iryavuzwe riratashye, bishyizweho iherezo mu buryo bwo mu Mwuka bibanziriza ibigaragara biri bukurikireho vuba. Urugiye cyera rwarangije guhinyuza intwari kugeza n'aho ikinyoma cyanze gufata amavuta, n'ubwo bagisiga bate !

77. Biraboneka ko nta n'umwe ufite igisubizo : abanyamadini barananiwe reka ne kuvuga ngo na FPR nta gisubizo ifite kandi bibeshya bakanabeshya ko babitunganije. Uwiteka yahaze ibiriho byose byashyizweho n'abana b'abantu kuko yiteguriye ibye BISHYA. Ni muri urwo rwego adashaka IMPINDUKA zo gukuraho bimwe ngo hageho ibindi, ngo hongere haveho Tutsi hajyeho Hutu, cyangwa ngo haveho Hutu hajyeho Tutsi.

---

[1] Tugenekereje, iyo ni inyito y'igitabo cya Jenerali Romeo Dallaire, wahoze ategeka ingabo za LONI mu Rwanda zitwaga MINUAR, zishinzwe umutekano mu gihe cy'inzibacyuho (1993-1994)

**IBYINSHI BENSHI BATAZI KUBIREBANA NO KWIBUKA N'IBYUNAMO.**

78. Reka nsobanure gato ku cyaha rusange, RUSANGE isakuma bose, byose, ibyo isanze ifitiye uburenganzira; dore ingero :
    a. Iyo ari ibyakozwe n'ubutegetsi bireba abenegihugu bose, aha niho ibyaha rusange byinjirira kuko abategetsi bose bavuga mw'izina ry'abo bategeka
    b. Ababyeyi mw'izina ry'abana babo
    c. Amashyaka mw'izina ry'abayoboke bayo
    d. Abanyamadini mw'izina ry'abayoboke babo
    e. FPR-Inkotanyi yateye u Rwanda mw'izina ry'Abatutsi b'impunzi, igamije guhirika ubutegetsi bw'Abahutu
    f. Jenoside yakozwe n'Abahutu, bayikoreye Abatutsi
79. Twebwe rero, mw'Izina rya Yesu Kristo tuvuye muri ibyo byiciro byose tuvuze haruguru n'ibisa nabyo, ibigiye kuba Sekibi yishyuza imyenda bamubereyemo, twe ntaho abishyuza bazatubonera kuko duhishe mu maraso ya Yesu Kristo umucunguzi wacu. Abategetsi b'u Rwanda bafitiye Satani imyenda myinshi, amashyaka ya politique, amadini yose ndetse n'imiryango myinshi yitwa ko idaharanira inyungu, n'imiryango isanzwe. Ariko twebwe intama za Kristo abana b'Imana n'imiryango yacu turabyanze, ahubwo tuzakorera Uwiteka se w'Umwami wacu Yesu Kristo (Gusubiramo ***Zaburi ya 91***, ibivugwamo ubyishyiraho ubyizeye). Koko rero, twebwe n'imiryango yacu twinjiye mu burinzi ntavogerwa bw'Ubwami bw'Ijuru, aho kwibuka abapfuye bitagera.
80. ***Yosuwa 24 : 13*** : *Nabahaye igihugu kitabaruhije mu gihinga* (kuko mwasanze byose bihari amazu, imirima n'amasambu), *mbatuza mu migi mutubatse* (abavuye hanze basanze abahutu barabubakiye, barangije bandika ku nzu ngo **yafashwe)** *mbaha no kurya ku mbuto z'imizabibu n'imyerayo mutateye nibyo muri kurya nanone* (mwavuye hanze imbokoboko cyakora mwari mwitwaje imbunda n'udufuni)
81. None se, izi nama zo muri ***Yosuwa 24:14-15*** mwazimajije iki ?
    *Noneho mwubahe Uhoraho mumuyoboke mutaryarya kandi mubikuye ku mutima, mwamagane ibigirwamana ba sogokuruza basengaga bakiri hakurya ya Ufarate n'ibyo basengaga mu Misiri. Maze muyoboke Uhoraho ariko niba mudashaka kumuyoboka mwihitiremo ibigirwamana muzayoboka mbese nkibyo ba sogokuru basengaga bakiri hakurya ya rwa ruzi ufarate cyangwa abamori mwazunguye. Icyakora njyewe n'urugo rwanjye tuzayoboka Uhoraho*.
    Birasaba rero guhitamo uruhande ujyamo bigasobanuka, ntawemerewe gufata impu zombi, ni kwa Yesu Kristo cyangwa kwa Sekibi.
82. Muri bwa bushakashatsi nababwiye nakoze, naganiriye n'abatutsi bacitse kw'icumu, nganira n'abatutsi bari ku butegetsi bavuye hanze, nganira n'abahutu bashyizwe mu nzego z'ubutegetsi bwa FPR, ndetse n'abanyamadini. Hafi ya bose ntabwo bashyigikiye igikorwa cyo kudashyingura amagufa y'inzirakarengane za jenoside, uretse abantu bacye cyane babifitemo inyungu z'ubugome.

83. Sekibi ni we unezezwa no kubona amagufa y’abantu apanze mu tubati, ni icyorezo cy’ubundi bwoko. Uyagezeho wese agomba kwiriza ariko igikenewe ni uko bashyiramo amafranga : ubu noneho urwibutso rwa Gisozi (site memorial ya Gisozi) rwashyizwe mu byiza bitatse u Rwanda bigomba gusurwa (buri mwaka site memorial ya Gisozi iza mu za mbere mu gihugu zasuwe cyane n’abakerarugendo benshi, ndetse iri mu zinjiza amadevise menshi).

84. Hafi ya bariya bose twaganiriye bahurije ku gahinda n’umujinya baterwa nabyo, cyane ko ntacyo bafite babikoraho maze bakavuga ngo ubuze uko agira agwa neza, ngo ntawuburana n’umuhamba, ngo ntagahora gahanze, bati batwishe duhagaze

85. Abatutsi bacitse kw’icumu bati ikidusonga kurushaho ni uko tugomba kubibashyigikiramo twishimye. Bati ni twe bakoresha mu kubogeza, twamagana ababirwanya bikaba kwishinyagurira, ni igikorwa cyo kwigura kugirango bucye kabiri, ariko bihora ari nijoro, niyo mpamvu ibikomere byacu bihora biva amaraso.

86. Abahutu nabo bati natwe harimo amagufa y’abacu, ariko ntitwemererwa kubivuga, uretse no kuvuga ntitugomba no kubitekerezaho;

87. Abahutu bakongera bati tubijyamo tugahabwa ijambo, twahindutse ibihungetwe, bakarangiza bavuga ngo kuki twebwe batadukoreye urwibutso ?

88. Ayo moko yombi aracyafitanye inzigo, bose bararwana no kwibuka, urwibutso, gutaburura amagufa, kuyoza, kuyasiga buri mwaka kuva mu kwa kane kugeza mu kwa karindwi, haba hagomba kuboneka imibiri itabururwa y’abazize jenoside yakorewe abatutsi, iyo nayo ni imihamuro y’ingoma kuko nta kuntu wasobanura ko nyuma y’imyaka 28 uyu munsi baba bagitaburura imibiri y’abazize jenoside yakorewe Abatutsi.

89. Ikindi cyorezo ni uko leta ya FPR ihora itoteza abacikacumu babasaba amafranga yo koza amagufa y’abatutsi bazize jenoside, babatera ibisongo mu bikomere bikiva amaraso. Baba bagomba gukura amafranga y’icyunamo mu bacikacumu aho kugirango babafashe, babahoze amarira ahubwo barabasonga kurusha, kandi amafranga leta yinjiza muri ubwo bukerarugendo bwo ku nzibutso barayiba bakayakoresha mu nyungu zabo bwite. Kandi leta iragenda igafata amagufa mu nzibutso ikayagarurira abacikacumu ngo ni imibiri mishyashya batoraguye, bakabategeka kugura amahema yo kuyogerezaho no kuyasiga mu buryo bwo kubahungabanya kurushaho.

90. Naho ku rundi ruhande, magingo aya Padiri Nahimana Thomas yamaze gushyiraho irimbi kuri interneti ry’abahutu baba hanze n’abatutsi biciwe na FPR. Iri rimbi ryazanye irindi yerekwa rya Sekibi ryongera umubare w’abagiye guhitanwa n’iyi myuka twavugaga kandi ngo kuryinjiramo, kurihambamo, gushyiraho indabyo no kuzagaruka gusura, byose ni ukwishyura. Iki nacyo ni igikomere kitabasha guhishwa n’abahutu benshi, bigaragaza uburwayi budafite icyo bwamara mu bwiyunge.

91. Mbese barabirangije ngo abasigaye bose batashyinguye ababo ubu noneho ngo bababoneye irimbi kuri internet. Maze kumenya iby’iri rimbi nibwo nabwiwe ngo “*uwera nakomeze yere, uwandura nawe nakomeze yandure*” (***Ibyahishuwe 22:11***). Kandi ko *Uhoraho agiye kubumbira mu bugome abahutu, abatutsi n’abavuye hanze nyuma ya 94* *(**Abaroma 11:32**).*

92. Ya myuka ihora ibashakisha ngo ibahoze mu gahinda n'umujinya biganisha k'ukwihorera, ibatera guhora batekereza ku babo bapfuye, bagahora mubyo gupfa, guhamba, kwibuka, n'ibindi bigusha ku mpfu.

93. Iyo myuka ni nayo ifungirana abantu mu cyo nise RUSANGE, ibyo bikagaragazwa n'imvugo nk'izi : "Natwe twarapfuye, natwe badukoreye jenoside", kandi ubivuga aba ari umwe ariko akabishyira mu bwinshi. Niho RUSANGE yinjirira, umuntu akaba yabaza ati : "Ni mwebwe bande? Murashaka iki? Mwabaye iki?" Imvugo yose irimo "aba", "natwe", "nabo", "namwe", "mwara" kandi ubivuga aba ari umwe ariko ati "natwe twarapfuye, nabo baratwishe". Ibi bisobanuro by'ibyaha rusange biri mu gitabo "UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO, RWANDA : NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA".

94. Imikorere yo mu Mwuka ikoreshwa n'abantu bazima kandi amahame yayo ntakuka, byose bigomba gushyirwa mu bikorwa ari mu ruhande rw'Uwiteka cyangwa mu ruhande rwa Sekibi, nguko uko jenoside yabaye rusange ku bahutu bose, ariko kugeza ubu ntibabyemera ngo ibaveho, babeho kandi babesheho n'ababo (Niba ibyo bikurakaje, uracyarwaye !)

95. Nguko uko Abasilikare b'Inkotanyi ubwicanyi bakoreye abahutu bwababaye rusange kuriyo ariko ntibabyemera ngo babyihane biveho, kugirango babeho kandi babesheho n'ababo. Nguko uko abatutsi bari mu Rwanda batemera ko bikozeho mu gihe bafatanyaga na FPR bakababera ibyitso bazi ko bifatanije n'abacunguzi. None aho babageze nibo bahazi, barasabwa kuva munsi y'ubutegetsi bwa FPR bitabaye ibyo bazahora ari ibiryo bihiye byayo uretseko Imana igiye kubishyiraho iherezo vuba.

96. FPR yarabibye, irabica, ubu irimo kubarimbura (***Yohana 10:10***), bagomba kubyicuza bakitandukanya n'imikorere ya FPR yose, ariko kugeza ubu ntibirakorwa. Bagomba kwihakana FPR bagasesa amasezerano yose bagiranye, bakiyambura ya ndahiro yayo nise "rupfu", bakavangura ibyo bavanze kugirango bave mu rupfu binjire mu buzima, ntawe ubizi ahari Uwiteka yazabaha kuramira mu gihugu.

97. Ibi byiciro byose twavuze, ari abahutu, ari abatutsi bavuye hanze, ari n'abatutsi bari mu gihugu, ibyo basabwa gukora ntibababishobora, keretse babanje kwizera Yesu Kristo Umwana w'Imana, Umwuka Wera akabibashoboza.

## INZIGO ABAVUYE HANZE BAFITIYE ABARI MU GIHUGU

98. FPR ishyaka ryavuye hanze rifitanye inzigo na buri ruhande rwari mu Rwanda ari nayo mpamvu ntaho babarirwa muri aya moko, iby'amoko ni iturufu irya bakoresha iyo barengera inyungu zabo.

### a. Inzigo abatutsi bavuye hanze bari bafitiye abahutu

99. Ni ba se b'Abahutu birukanye ba se b'aba FPR Inkotanyi muri 1959, biyongeza muri 1963, biyongeza muri 1973; Ibi byabaye inzigo ya mbere y'abatutsi ku bahutu, ni byo byaviriyemo abatutsi guhunga u Rwanda, cyane muri iriya myaka.

100. Gahunda ya FPR yari iyo kwinjira mu gihugu kitakirangwamo abahutu n'abatutsi, ari nayo mpamvu abatutsi basanze barokotse bigambye ko aribo babakijije,ndetse banabajije bamwe mu bacitse kw icumu ngo; (warokotse ute?). Naho abahutu batahunze, bakabica ku bwinshi babarunze ibirundo cyangwa umwe umwe.

101. Umuhutu utarishe ntibimubuza guhungeteshwa na Rusange (***Obadiya 11***) kandi agomba gukoreshwa ibikorwa bibi bimwanduza. None se iyo abahutu bose bapfa bagashira FPR yari gukoresha bande? FPR yari guhindura bande ibipirizo, ba kadahumeka? Bari kwigishwa na bande imiyoborere y’akazi ka Leta ? Ikibabaje ni uko birenzaga ababigishije; iyo babaga bamaze kumenya ibyo bari bakeneye kwiga barabikizaga. Byose biba byarateguriwe aho tutazi, ariko tuzi ko ubiri inyuma ari Satani. Kuko ngo n’iyo byakomeye ingoma igeze mu marembera, beneyo bikora no mu nda; mbega bagasangira amaraso ariko ntibabe basangira amata.

**b. Inzigo y’abatutsi bavuye hanze ku batutsi bari mu gihugu**

102. Icyaha gikomeye batazababarira abatutsi bari mu guhugu nuko basigaranye n’abahutu bagasangira nabo.

103. Ikindi ni uko abatutsi bari imbere mu gihugu batapfuye ngo bashire, ahangaha FPR ikaba ihasangiye n’abahutu kuko gahunda y’abo bombi kwari ukumaraho umututsi; umuntu akaba yakwibaza ati: nonese iyo abo batutsi bataza gusigarana n’abahutu, Inkotanyi zari gukura he ibyitso?

104. Ariko iyo bashira bose bari kongera za etageres ntawe usigaye wo kugirirwa impuhwe ukundi uretse bo. Iyo abatutsi bapfa bose bagashira, ubu FPR iba ikoresha nde mu mishinga ibazanira inyungu yo kwibuka n’icyunamo ? Bari gukura he abakora amatangazo n’imyigaragambyo yo kwamagana abapfobya jenoside? Bari gukura he abajya gushinja abahutu, ari abakoze iyo jenoside, n’abatarayikoze ?

105. Icyo gihango ni cyo gituma buri wese wacitse kw’icumu iyo avuze ibyo atekereza agomba gupfa, ufungwa aba ari umurame, ni kimwe n’uko umuhutu utarishe muri jenoside, nubwo nta cyaha aba aregwa, ariko aba agomba kuruca akarumira.

106. Iyo abatutsi bashira abavuye hanze bari kuzajya biriza cyane ko ari bene wabo abahutu batsebye, ndetse bari kongeraho ko aribo bacitse kw icumu.

**c. Inzigo y’abahutu kuri FPR**

107. Abahutu bafatanije na FPR aribo bagambaniye bene wabo bari ku ngoma, aba babaye inzigo ikomeye kuko bahemukiye FPR banga kumena amaraso kandi aribyo FPR yashakaga ko basangira amaraso nabo. Niyo mpamvu abo bishwe, bakurwa mu kazi, barafungwa abandi barahunga. Bamwe muri bo banze kuba ibikoresho bya FPR kandi nabo imiryango yabo yari yaratikijwe muri jenoside. Bahigwaga n’abahutu bene wabo ndetse na FPR nayo ikabahiga kuko banze gusangira amaraso. Bitonde cyane kuko uku kudafatanya na FPR ntibibahindura abere, barasabwa kubyiyambura naho ubundi harimo umwaku. Urugero: Gukorana na FPR ubwabyo ni umuvumo, ikindi nuko bamwe muri bo bakoreshejwe mu kwica cyangwa kugambanira benewabo.

108. Hari n’imvange zavutse hagati y’umuhutu n’umututsi, iteka aba bajya mu ruhande rufite ingufu, nibo bagiye bica cyane muri jenoside. Hagiyeho abatutsi, izo mvange nibo babaye aba mbere mu gufata uruhande rugezweho. Abafite ba nyina b’abahutukazi ubu babaye abatutsi 100% batavangiye ariko ni hahandi habo imyuka y’amoko iba ibashakisha.

## NI NDE URENGANA, NI NDE URENGANYWA ?

109. None ndibaza : ko kugeza ubu, dufite abarenganijwe gusa ari bo abavuye hanze baharanira kutazongera guhunga, abatutsi bacitse ku icumu baharanira kutazongera gutsembwa, abahutu bacitse kw'icumu rya FPR baharanira kudakomeza kwicwa no gusuzugurwa n'abatutsi (aba bo barashakisha n'uburyo bazagaruka ngo gufata ubutegetsi !), aba bose ni nde wabahohoteye? Ninde munyabyaha muri aba ngaba? Ni nde ugomba gusaba imbabazi, akazisaba nde?

110. Kuko dufite abahohotewe gusa, none ni nde wabahohoteye kugirango ahanwe maze buri ruhande rugire amahoro? Ibisobanuro biri mugitabo (UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA).

111. Buri ruhande rurira iyo rugezweho ariko mu gitabo cya ***Obadiya (imirongo ya 11 kugeza 16)*** harimo igisubizo cya bose. Impamvu bahora bitana bamwana ni uko nta ruhande rwari rwemera uruhare rwarwo muri aya mateka mabi ngo rubisabire imbabazi. Nabwo kandi kereka bikozwe na Mwuka Wera naho ubundi byazahora ari agatereranzamba.

112. Abahutu benshi ntibemera kwihana jenoside bakoreye abatutsi muri 1994, abavuye hanze benshi nabo ntibemera uruhare FPR yagize mu kwica abahutu. Abacitse kw'icumu ntabwo bemera uruhare bagize mu gufatanya na FPR mbere ya 1994 na nyuma yaho. Aba bose bambawe n'umwuka wa Adamu (Itangiriro 3:12) ngo iteka haba hari uwabiteye kandi ubazwa aba abazwa uruhare rwe. None imyaka 28 irashize habaye itsembabwoko ryakorewe abatutsi, kandi igihe cyo gukoresha abanyarwanda mu Bubyutse bubanziriza kuzamurwa kw'Itorero cyageze, kandi ntabwo Imana yabakoresha bameze uko bameze ubu.

113. Niyo mpamvu bagomba kugosorwa. Imana igiye kugenderera u Rwanda mu buryo butigeze bubaho mu mateka yarwo cyangwa y'isi, igiye gusura igihugu cyuzuyemo amaraso yo kuva mbere ya 1959, ayo muri 59, 63, 73, 90, 94 no kugeza ubu nandika. Akarusho n'uko FPR yarenze ikajya no kumena amaraso y'abahutu muri Congo ndetse ikica n'abanyecongo batagira ingano. Ntiyarekeye aho, yakomeje kugira uruhare mu ntambara zibera mu burasirazuba bwa Congo, kandi nabo bari mu mugambi w'Imana.

114. Reka ngire icyo mbwira Abarundi : n'ubundi narabivuze, ko nabo bagomba kuba maso. Dore nabo biganye abaturanyi babo b'Abanyarwanda, bataburura amagufa y'Abahutu bishwe muri 72, baba bikozeho batyo, bafungurira iyindi miryango y'urupfu. Ibyo ni kimwe mu bimenyetso bikomeye by'irangira ry'ingoma ya CNDD-FDD, iri ku butegetsi, kuko intambara igeze ku muryango wabo, kandi izahitana bibiri bya gatatu by'abaturage.

## TWAHAWE INKUGE Y'UBUHUNGIRO

115. Nyuma yo kumva cyangwa gusoma ibi byanditswe birareba nde? Birareba buri wese ubyumva cyangwa ubisoma uri mu Biyaga Bigari (Burundi, Kongo, Rwanda); harabwirwa cyane amoko Hutu-Tutsi aho ahanganye, by'umwihariko abakristo nyakuri kuko nibo basobanukiwe imvugo y'Imana, ni nabo basobanukiwe imiburo yayo.

116. Twarabwiwe tuvunira ibiti mu matwi, none bwanyuma mu Rukundo n'Imbabazi bye Uhoraho aduhaye amahirwe ya nyuma, nyuma y'ayandi menshi, yaduhaye "Intebe y'ubuntu" (***Abaheburayo 4:16***) none aduhaye inkuge yo guhungiramo ibyago byadusatiriye. Bwanyuma aduhaye iyo nkuge kuko imvura igeze ku muryango, twese turabona ko yakubye impande zose.

117. Inkuge y'Ubuhingiro izinjirwamo n'uwo ari we wese uzubahiriza amabwiriza arebana no kuyinjiramo, ari yo :

a. Kwita no gukora iyi miburo yavuzwe haruguru, ari byo kwihana ibyaha, ibicumuro no gukiranirwa, cyane cyane amoko hutu-tutsi kuko yashinze imizi muri benshi. Niba ugifite amoko yakubase kandi udashaka kuyihana ngo uyiyambure, inkuge iri bugutere umujinya wongere ibyaha ku bindi.

b. Niba ugifite inyungu mu magufa, birakurakaza ubure uko ubigenza. Abo bagishakisha indonke k'uduhanga n'amagufa barira ay'ingona, bashobora no gutanga ikirego ko mpfobeje jenoside. Niba udashaka kuva mu byaha by'amoko, ibi byose biragutera iseseme.

c. Niba ugitsimbaraye ku mashyaka ya politike, nayo afite imizi mu moko n'uturere, urabyita iby'abasazi.

d. Niba udashaka kwikiza ngo ukize n'abawe birakumerera nk'itungo ryumva radio cyangwa rireba television.

118. Ariko nkuko byari bimeze mu gihe cya Nowa n'ubu niko bimeze nta gishya, mbibutse ko Uwiteka ariwe wifungiye urugi icyo gihe, Nowa yinjiranye n'abantu 7 bo mu muryango we kubera ko abo mu gihe cye bari bameze nk'abanyarwanda n'abarundi bari mu bikorwa by'iterambere, baramupinze banga kwinjiramo kandi yaramaze imyaka 120 ababurira (reka nanjye nyigereranye n'imyaka 24 maze mbaburira ngo mwihane).

119. Byateye Uwiteka kubwira Nowa ati: ubwo abantu banze kunyumvira, shyiramo inyamaswa ikigabo n'ikigore byo ntabizirangaza zifite, ndagukizanya n'ibisimba gusa. Nyuma abari batuye isi yose barimburwa n'amazi, sijye wahera hahera ababurirwa bakanga kumvira. Nyuma umuryango wa Nowa wararokotse, niho natwe twakomotse. Na none Uwiteka arashaka icyororo gishya mu Biyaga Bigari; Haleluya!

120. **Igikorwa cy'inkuge** ni imbanzirizamushinga ukomeye w'Imana kuko natwe turi umushinga w'Uwaturemye kandi agomba kubyaza inyungu. Niba utarasobanukirwa ko uri umushinga w'Uhoraho biragutera gukereza IMPAMVU URIHO, noneho wibaze niba wungukira Uwagushoyemo imari ye cyangwa waramubereye igihombo. Kuko umuntu wese muri iyi si agomba kugira icyo amara, n'Umwami Yesu imbere ya Pilato amubajije niba ari Umwami, yamusobanuriye icyo yavukiye *(Yohana 18:37: " ... aramusubiza ati: wakabimenye ko ndi umwami, iki nicyo navukiye kandi nicyo cyanzanye mw'isi, ni ukugirango mpamye ukuri, uw'ukuri wese yumva ijwi ryanjye").*

**ABEMEYE KWINJIRA MU NKUGE DUSEZEREYE BURUNDU IBINTU BYOSE BYEREKEYE KWIBUKA ABAPFUYE**

121. Hafi buri munyarwanda wese ahora mu cyunamo, yunamira abe atashyinguye. Kuva mu 1959 abakiriho baracyari mu cyunamo ubu kimaze imyaka 63. Hari n'ibindi byunamo bijyanye n'amateka ababaje y'igihugu cyacu, muri byo tukaba twavuga ibi bikurikira :

a. Abatutsi bishwe muri 1963, bazira ko bene wabo b'Inyenzi bari bateye igihugu; icyo cyunamo kimaze imyaka 59

b. Abishwe muri 73 mbere ya kudeta, igihe nanone abatutsi bicwaga bikagera no mu mashuri, icyo gihe abatutsi bahunze ari benshi; iki cyunamo kimaze imyaka 49

c. Ikindi cyunamo kimaze imyaka 49 ni igihe abakiga barimbaguraga abanyenduga bakuwe ku butegetsi muri 73.

d. Hari kandi icyunamo cy'Abanyabyumba n'Abanyaruhengeri bishwe na FPR aho yatangiriye intambara muri 90; icyo kimaze imyaka 32

e. Ibindi ni iby'abahutu FPR yagiye yica irunze ibirundo mu bihe bitandukanye mu gihugu hose, nk'abaguye mu nkambi ku Gikongoro muri 95; banyiri abo bantu nabo baracyari mu cyunamo, abenshi batanazi aho ababo baguye.

f. Abandi bahutu ibihumbi n'ibihumbi ni abo FPR-Inkotanyi yiciye mu mashyamba ya Kongo muri 1996-1998, inkambi bari barahungiyemo zimaze kuraswa n'ibitwaro bya rutura

g. Karundura ni icyunamo cya jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, ari nacyo gifitiye leta ya FPR akamaro, gifite umwanya ukomeye mu mbaraga z'umwijima. Iki cyo bagihinduye ukundi kuko cyungukira abagifashe bugwate. Ibindi byunamo ni ibyo FPR ihora iteza mu gihugu na byinshi yateje na n'ubu igiteza muri Congo.

122. IBI BYUNAMO BYOSE REPUBULIKA YA MBERE IBIFITEMO URUHARE, IYA KABIRI NAYO NI UKO, IYA GATATU YO NI KABUHARIWE KUBERA KO FPR YARISHE, N'UBU IRACYICA, ABO YAKOZE MU NDA N'ABO IKOMEJE GUKORA MU NDA KUGEZA UBU, BARACYARI MU CYUNAMO.

## Reka nsobanure gato icyunamo n'itandukaniro ry'impfu

123. Twese turabizi ko umuntu wese wabyawe n'umugore agomba gupfa, rero iyo mvuga ibyunamo bigikorwa na n'ubu, ni iby'ababuze ababo batarwaye, badakoze impanuka, batisaziye, batiyahuye, batishwe n'urupfu urwo arirwo rwose, **ahubwo bishwe n'abandi bantu**, bagapfa ari benshi cyangwa bacye, cyangwa umwe, bishwe n'abandi, bitewe n'impamvu za politique, cyangwa ibindi bituma umuntu yica undi: kwicwa baguhora ubwoko, ibitekerezo, inkomoko, uruhu, wanze gukora ibi, wavuze ibi, n'ibindi bisa bityo (ibisobanuro birambuye wabisanga mu gitabo UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA.)

124. Ubundi nta muntu wagombye kwica undi kuko ubugingo bw'umuntu buba mu maraso, ni yo mpamvu iyo amenetse asaba guhorerwa; hari ingero nyinshi kuva kuri Gahini yica murumuna we Abeli (***Itangiriro 4:10***). Umennye amaraso y'undi aye arahorwa (***Itangiriro 9:6*** *no* ***Kubara 35:33***). Urugero : Dawidi yishe Uriya ingaruka

zisandara ku muryango we wose (***2 Samweli 12:9-12***); Abagibiyoni barihoreye kubera ababo bari barishwe (***2 Samweli 21:5-6***).

125. Amaraso ya Yesu Kristo niyo yonyine yamenetse asaba imbabazi kugeza na n'ubu kuko ni yo mpongano yemerwa n'Uwiteka yonyine (***Abaroma 3:23-26***), niyo arimo imbaraga zicecekesha burundu ayandi yose yamenetse, kuri uwo nguwo uyizeye, naho ubundi ayandi yose amenwe n'abantu asaba guhorerwa, maze n'amaraso y'abera asaba guhorerwa, nkaswe ay'abapagani ! (***Ibyahishuwe 6:9-10***).

126. Ibi se abicanyi barabizi? Bazi ko niyo bapfa, bifata abana babo ? Ubwo muribaza amaraso agomba guhorerwa uko angana mu Biyaga Bigari ? Tekereza munyarwanda, nawe murundi, kandi ukomeze ubitekerezeho.

127. Uretse ingoma ya Yesu Kristo yonyine, izindi zose zimena amaraso iyo zigiyeho, iyo ziriho n'iyo zivuyeho. Zikomeza gutanga ibitambo by'amaraso y'abantu kugirango zigumeho zikazavanwaho nanone n'ayandi maraso.

128. Kristo Yesu we yamennye amaraso ye rimwe gusa, biba bihagije iteka (**Abaheburayo 9:28),** uyu wenyine niwe waducunguje amaraso ye abishaka kugira ngo tubone ubugingo buhoraho. Sekibi we ahora amena amaraso akoresheje abo ngabo baba bashaka kugira ibyo bageraho bibi (reba UMUZI W'INZIKA Y'INZIGO RWANDA NYUMA Y'AMAHIRWE YA NYUMA).

129. **NIYO MPAMVU TUGOMBA KWIBUKA URUPFU RWA YESU KRISTO GUSA** NKUKO YASIZE ABIDUTEGETSE, NIRWO RWONYINE TWEMERERWA KWIBUKA TUBITEGETSWE N'IJAMBO RYE (***LUKA 22:19, 1 ABAKORINTO 11:23-26***). IMPAMVU NYAMUKURU ITUMA TUMWIBUKA NUKO YAZUTSE KU MUNSI WA GATATU NTIYAHEZE MU GITURO; NONE SE ABANDI BOSE BIBUKWA, BARAZUTSE ?

130. Niba ugeze hano usoma, wamaze gusobanukirwa nibura impamvu 2/3 by'Abanyarwanda n'Abarundi bagiye gupfa mu Biyaga Bigari. Amaraso yose yamenetse kandi akomeje kumeneka, agomba guhorerwa byanze bikunze, nk'uko byasobanuwe haruguru, kandi ibyo kwicwa no kuzira RUSANGE bizahita bihagarikwa. Kuva ubwo, buri wese azajya azira ibyaha bye nibwo (RUSANGE) izavaho hageho (GATOZI)

## UMWANZURO : KWIBUKA NO GUKORA ICYUNAMO BIVUYEHO KURI BURI MUKRISTO WESE WAVUTSE UBWA KABIRI

131. Nkuko nabisobanuye mbere, birareba Abakristo basobanukiwe iby'Agakiza. Uzi ko agize Umubiri wa Kristo akaba ari n'umugeni we, uwo ntiyemererwa na gato gukomeza kwibuka abapfuye, ahubwo azajye yibuka urupfu rw'Umwami Yesu Kristo kugeza igihe azagarukira. Ni ngombwa ko abitirirwa Izina rye bose, bareka kwibuka abapfuye, bakarangiza ibyunamo burundu.

132. Ndihanangiriza nkomeje FPR kutivanga muri iyi gahunda, ngasaba abanyamadini b'abafatanyabikorwa ba FPR kutabangamira abakristo (bita ababo) bazisobanukirwa bakumva ko ari ngombwa kubahiriza iki gikorwa.

133. Abakozi b'Imana b'ukuri bazi ibyo kwibuka urupfu rw'Umwami Yesu Kristo, basabwe gusobanurira Abakristo ibyo kwibuka urupfu rw'Umwami, no gusaba Imana

imbabazi, bazisabe n'abakristo kuba batarigeze bitandukanya n'izi gahunda za Leta na IBUKA zitera umwaku igihugu n'imiryango.

134. LETA YA FPR ITEGETSWE GUHITA IBIKURAHO, KUKO NIYO YABISHYIZEHO. Reka nizere ko bazikunda, bagakunda n'ababo.

135. Imyaka 28 irashize, hagomba kubaho ibitambo by'ingoma, buri gihe bigendana no kwibuka, kandi iyo myuka mibi inafata n'abana bavutse nyuma ya 94.

136. Igihe kirageze ngo ibintu bijye mu buryo. Ndasaba nkomeje abavuga rikijyana bazabyumva, ko bakubahiriza iri hame ry'umugisha ryo kujya twibuka urupfu rw'Umwami Yesu Kristo gusa, tukareka guhora duha urwaho abazimu batifuriza ineza abazima.

137. Ni ukuri ni ukuri, twinjijwe mu Bihe bishya Ijuru ryiteguriye, kandi bifite umuvuduko urenze igipimo cy'ubwenge bw'abantu. TWAHAWE UMURONGO WO GUTUNGANYA IBI BIKURIKIRA:

   a. Gukora umurage mushya mu mateka mashya duhagarika, tugasezerera burundu gahunda zose zashyizweho n'amadini n'abanyepolitike. Tukabikora mw'Izina rya Yesu Kristo w'iNazareti, tugashyiraho ibishya by'Ijuru bibeshaho. N'ubundi umurage utegurwa kare.
   b. Turashaka gukuraho ibyatugizeho ingaruka mbi byose, tumaze kubona ko byototera abana bacu, abuzukuru n'uruhererekane rw'abadukomokaho bose.
   c. Ntidushaka gusigira abacu inzika z'inzigo
   d. Ntidushaka kubaraga ubugome n'ubwicanyi natwe twarazwe (***Amaganya ya Yeremiya 5:7***)
   e. Tuzabaraga ubwiyunge nyakuri bubyara ubumwe nyabumwe, buvuye mu kwihana, kwatura, gusaba imbabazi, cyane kwemera uruhare rwa buri bwoko bwagize m'ukwangiza ubumuntu n'imibereho myiza isanzwe ya buri wese
   f. Twanze gukomereza mu kinyoma cyazanywe na se Satani (Yohani 8:44).
   g. Twanze gahunda yose ya Sekibi yateguye yo kuzajya yica abanyarwanda Hutu-Tutsi uko yishakiye, kandi aribo bamuhaye uburenganzira bwo kubica urubozo, mu myumvire, mu bitekerezo, mu marangamutima, mu mubiri n'ibindi. Maze bamwe bakinjira igihugu abandi bagisohokamo.
   h. Twanze kubaho tutariho kandi dufite uwaduhaye ubuzima muri iyi si, akaduha n'ubugingo buhoraho muri Kristo Yesu.
   i. Twiyambuye imirage yose twarazwe n'abatubanjirije twaba tubizi cyangwa tutabizi.
   j. Twanze guhora twibuka abapfuye kandi twe turi bazima, ntacyo tubatezeho, twitandukanije n'ingaruka zose twatewe no kubibuka.
   k. Twanze gukomeza kumvira leta ya FPR y'abicanyi muri gahunda yo gucuruza amagufa yise ay'abatutsi ikavangamo n'ay'abahutu kugirango iyatubure.
   l. Dusohotse munsi y'ubwo buyobozi budakunda abo buyoboye, bwuzuye ubugome n'ubwicanyi, kandi bwubakiye ku kinyoma.

m. Dusheshe amasezerano yose batugizeho ubwo badutangagaho ibitambo nk'abanyarwanda twese.

n. Duhagaritse ingaruka zose zatewe n'ubutegetsi bubi bwa FPR kuri twebwe n'abacu.

o. Twanze kwifatanya na gahunda zose zigendera zigakorera mubyo FPR yise IBUKA. Twanze gahunda za IBUKA yaba jenoside yakorewe abatutsi yaba iy'abahutu biyemereye ubwabo, n'indi miryango ifite kwibuka ababo bapfuye, tubivuyemo twe n'imiryango yacu yose mw'Izina rya Yesu Kristo.

p. Dusohotse muri izo gahunda zo kwibuka abatutsi cyangwa abahutu, twebwe ntaho bizadufatira, tubyiyambuye ku mugaragaro mu mvugo no mu nyandiko mw'izina rya Yesu Kristo.

q. Koko rero, twanze buri mikorere ijyanye no kwibuka abapfuye, iyo myuka tuyisubije aho yaturutse kwa se w'imyuka mibi Satani. Iyo myuka yose tuyohereje ikuzimu iwayo mw'Izina rya Yesu Kristo, turasigarana amateka meza, atakirimo imbaraga z'ubugome n'inzika z'inzigo byatuzahaje.

r. Abashyizeho imihango yo kwibuka, bayobowe na Sekibi mu mvugo no mu nyandiko, none natwe tubyiyambuye mu mvugo no mu nyandiko mw'Izina rya Yesu Kristo, Mwuka Wera abishyire mu bikorwa.

s. Twitandukanije kandi na gahunda zose zo kwibuka abapfuye kuko turatanguranwa n'igihe cyashyizweho cyo guhoora k'Uwiteka kuje mu Biyaga Bigali. Satani agiye kongera kwiyongeza imbaga y'abahutu n'abatutsi benshi kubera uburenganzira abafiteho, cyane cyane abakoranye na FPR amasezerano mu ndahiro cyangwa mu bindi. Twe tuvuye muri iyo mikorere yose, tuvanyemo abacu n'ibyacu tubyimuriye mu maboko y'Uwiteka Imana yacu, Se w'Umwami wacu Yesu Kristo, twishyize mu burinzi bw'Ijuru, muri Zaburi ya 91.

138. Impamvu nyamukuru yo gusohoka muri iyo mikorere ni uko n'iyo waba utabyubahiriza, byo birakubahiriza kuko ubirimo birakuzi, bagushyizemo utabizi, ariko kubera ko ari imikorere y'imyuka, bifata abo bose bashyizwemo kuko duhurira ku bwenegihugu (***Hoseya 4:6***). Abacu badasobanukiwe turabahagararira kuko birakora, kuva tubafiteho uburenganzira bw'isano y'amaraso. Icyitonderwa ariko, iyi ngingo irareba gusa abana bataramenya ubwenge, abakuru bagomba kubyikorera ubwabo, bakira Agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo, bihana ibyaha, banabyatura, kandi bakemera uruhare rwabo mu mahano yose yabaye.

139. Ndibutsa kandi ko Inkuge y'Ubuhungiro ifunguriwe buri wese uzishyira mu burinzi bw'Ijuru mw'Izina rya Yesu Kristo. Abakibaswe n'amoko kandi badashaka kuyiyambura, nta mwanya bafite mu Nkuge y'ubuhungiro, kubera ibyaha, ibicumuro no gukiranirwa batatuye ngo bihane, kandi bikaba bikomeje kwiyongera igihe cyose batarabyihana.

140. Ibisabwa gukorwa bigomba gutangirana no kwibuka kwashyizweho na Leta, kugiye gutangirana n'ukwezi kwa kane kugeza mu kwa karindwi. Abakristo basabwe guhita bitandukanya n'ibirebana no kwibuka n'ibyunamo. Bitabaye ibyo, nkarabye amaraso yabo kandi ntanze umugabo kw'Ijambo ry'Imana (***Ezekiyeli 33, igice cyose***)

141. Kugirango dusezerere burundu iyo mikorere yo kwibuka n'ibyunamo, bityo tubohoke mu buryo bwuzuye, biduheshe kwinjira mu Bihe Bishya bidusatiriye, twateguye IMINSI ITATU Y'AMASENGESHO NO KWIYIRIZA UBUSA, tuzakora mu mezi ari imbere. Buri wese aratumiwe. Kizaba ari igikorwa cyo kwitandukanya mu buryo budasubirwaho n'imihango yose irebana n'ibyunamo no kwibuka abapfuye. Abazabyubahiriza, ni bo tuzinjirana mu Mugambi w'Imana ku Biyaga Bigari.

142. Iri teka riratangira gukurikizwa tariki ya 06/04 kandi rihinduye impfabusa ibizakorwa byose birebana n'ibyo kwibuka abapfuye.

UWITEKA AHABWE ICYUBAHIRO, UMWAMI YESU KRISTO AHIMBAZWE ITEKA RYOSE. TURASABA UMWUKA WERA KUBISHYIRA MU BIKORWA MW'IZINA RYA YESU KRISTO, UMWAMI WACU; AMEN !

Bikorewe i La Haye mu Buholandi Tariki 06/04/2022



Marie Esther Murebwayire